**ITEGEKO N°30/2018 RYO KU WA 02/06/2018 RIGENA UBUBASHA BW'INKIKO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Gashyantare 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 152 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 002/2018.OL ryo ku wa 04/04/2018 rishyiraho Urukiko rw'Ubujurire, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;

Ishingiye ku Itegeko ry'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba rigenga imikorere ya za gasutamo zo mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba ryo mu 2004 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

**LAW N°30/2018 OF 02/06/2018 DETERMINING THE JURISDICTION OF COURTS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 23 February 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 152 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 002/2018.OL of 04/04/2018 establishing the Court of Appeal, especially in Article 2;

Pursuant to the East African Community Customs Management Act, 2004, as modified and complemented to date;

**LOI N°30/2018 DU 02/06/2018 DÉTERMINANT LA COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 23 février 2018 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 152 et 176;

Vu la Loi Organique n° 002/2018.OL du 04/04/2018 portant création de la Cour d'Appel, spécialement en son article 2;

Vu la Loi de 2004 sur la gestion douanière de la Communauté de l'Afrique de l'Est telle que modifiée et complétée à ce jour;

**YEMEJE:**

**<u>INTERURO YA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena ububasha bw'inkiko.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye**

Inkiko zisanzwe ni izi zikurikira:

1° Inkiko z'Ibanze;

2° Inkiko Zisumbuye;

3° Urukiko Rukuru;

4° Urukiko rw'Ubujurire;

5° Urukiko rw'Ikirenga.

Inkiko zihariye ni izi zikurikira:

1° Urukiko rw'Ubucuruzi;

2° Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;

3° Urukiko rwa Gisirikare;

4° Urukiko Rukuru rwa Gisirikare.

**ADOPTS:**

**<u>TITLE ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law determines the jurisdiction of courts.

**<u>Article 2</u>: Ordinary and specialised courts**

Ordinary courts are as follows:

1° Primary Courts;

2° Intermediate Courts;

3° High Court;

4° Court of Appeal;

5° Supreme Court.

Specialised courts are as follows:

1° Commercial Court;

2° Commercial High Court;

3° Military Court;

4° Military High Court.

**ADOPTE:**

**<u>TITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine la compétence des juridictions.

**<u>Article 2</u>: Juridictions ordinaires et juridictions spécialisées**

Les juridictions ordinaires sont les suivantes:

1° les Tribunaux de Base;

2° les Tribunaux de Grande Instance;

3° la Haute Cour;

4° la Cour d'Appel;

5° la Cour Suprême.

Les juridictions spécialisées sont les suivantes:

1° le Tribunal de commerce;

2° La Haute Cour de commerce;

3° Le Tribunal militaire;

4° La Haute Cour militaire.

**INTERURO YA II: IBISHINGIRWAHO MU KUGENA UBUBASHA BW'INKIKO**

**UMUTWE WA MBERE: UBUBASHA BW'INKIKO BUSHINGIYE KU BUSHOBOZI BW'URUKIKO CYANGWA KU KIBURANWA**

**Ingingo ya 3: Ububasha bw'inkiko bushingiye ku kiburanwa**

Ububasha bwo guca urubanza bugaragazwa n'imiterere y'ikiregerwa n'agaciro kacyo, uretse mu manza z'inshinjabyaha.

Agaciro k'ikiregerwa kagizwe n'ikiburanwa cy'iremezo cyiyongereyeho inyungu zumvikanyweho mu masezerano.

**Ingingo ya 4: Ikirego gifite ibiburanwa byinshi bishingiye ku mpamvu imwe**

Iyo ikirego gifite ibiburanwa byinshi bishingiye ku mpamvu imwe, bishyirwa hamwe, kugira ngo bigaragaze urukiko rubifitiye ububasha.

Iyo ibiburanwa bidashingiye ku mpamvu imwe, buri kintu gicirwa urubanza ukwacyo, bwa mbere cyangwa bwa nyuma, hakurikijwe agaciro kacyo.

**Ingingo ya 5: Umwenda ugizwe n'ibintu bitandukanye**

Iyo umwenda ugizwe n'ibintu bitandukanye,

**TITLE II: CRITERIA FOR DETERMINATION OF JURISDICTION OF COURTS**

**CHAPTER ONE: ASSIGNED OR SUBJECT MATTER JURISDICTION OF COURTS**

**Article 3: Subject matter jurisdiction of courts**

Except for criminal cases, the jurisdiction over a case is determined by the nature and value of the subject matter.

The value of the subject matter is determined by principal claim plus interests agreed upon in the contract.

**Article 4: Claim containing multiple counts based on the same cause of action**

If a claim contains multiple counts based on the same cause of action, the counts are combined in order to determine the competent court.

If the counts are not based on the same cause of action, each count is heard separately at first or last instance, according to its own value.

**Article 5: Complex debt**

In case of a complex debt, the jurisdiction of

**TITRE II: CRITÈRES DE DÉTERMINATION DE LA COMPÉTENCE JUDICIAIRE**

**CHAPITRE PREMIER: COMPÉTENCE D'ATTRIBUTION OU MATÉRIELLE DES JURIDICTIONS**

**Article 3: Compétence matérielle des juridictions**

La compétence de connaître d'une affaire est déterminée par la nature et la valeur de l'objet du litige, sauf pour les affaires pénales.

La valeur de l'objet du litige est déterminée par la demande principale augmentée des intérêts convenus dans le contrat.

**Article 4: Demande comportant plusieurs chefs basés sur une même cause**

Si la demande comporte plusieurs chefs qui proviennent de la même cause, ces derniers sont cumulés pour déterminer la juridiction compétente.

Si les chefs dépendent de causes distinctes, chacun des chefs de la demande est, d'après sa valeur propre, jugé au premier ou au dernier degré.

**Article 5: Créance complexe**

En cas de créance complexe, la compétence

agaciro k'ikitunvikanwaho ni ko gaherwaho mu kugena urukiko rufite ububasha.

**Ingingo ya 6: Ikirego kirega cyangwa kiregwamo abantu benshi**

Iyo mu kirego kimwe harega cyangwa haregwa abantu benshi, bishingiye ku mpamvu imwe, agaciro mbumbe k'ikiburanwa mu mafaranga, hatitawe ku ya buri muntu, ni ko kagaragaza urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza.

**Ingingo ya 7: Imanza z'agaciro cyangwa iseswa ry'amasezerano y'ubukode**

Mu manza zerekeye agaciro cyangwa iseswa ry'amasezerano y'ubukode, agaciro k'ikiburanwa kagaragazwa, ku byerekeye agaciro k'ayo masezerano, n'igiteranyo cy'amafaranga yose yishyuzwa; naho ku byerekeye iseswa ryayo kagaragazwa n'umubare w'amafaranga y'igihe cy'ubukode gisigaye, uretse igihe amasezerano abiteganya ukundi.

**Ingingo ya 8: Ikirego cyerekeye ibanze ku bwishyu n'ingwate y'ibitimukanwa**

Mu manza zerekeye ibanze ku bwishyu n'ingwate y'ibitimukanwa, ububasha bw'urukiko bugaragazwa n'umubare w'amafaranga y'umwenda wishingiwe mu masezerano.

court is determined by reference to the amount in dispute.

**Article 6: Claim by several plaintiffs or against several defendants**

If a claim is brought by several plaintiffs or is against several defendants under the same cause, the total amount claimed determines the court having jurisdiction over the claim, regardless of the share of each of them.

**Article 7: Cases relating to the validity or termination of lease agreement**

In cases pertaining to the validity or termination of lease agreement, the amount of money in dispute is established in the first case, by adding lease rentals falling due, and in the second case, by adding lease rentals to become due, unless the agreement provides otherwise.

**Article 8: Claim relating to preferential payment and mortgages**

In cases relating to preferential payments and mortgages, the jurisdiction of the court is determined by reference to the amount of the secured claim.

judiciaire est déterminée en fonction du montant en litige.

**Article 6: Demande concernant plusieurs parties demanderesses ou défenderesses**

Si une demande est formée par plusieurs demandeurs ou contre plusieurs défendeurs en vertu de la même cause, le montant total réclamé détermine la juridiction compétente pour connaître de la demande, indépendamment de la part de chacun d'eux.

**Article 7: Affaires relatives à la validité ou à la résiliation d'un contrat de location**

Dans les affaires sur la validité ou la résiliation d'un contrat de location, la valeur du litige est déterminée en cumulant dans le premier cas, les loyers dus, et dans le second cas, les loyers à échoir, sauf si le contrat en dispose autrement.

**Article 8: Demande relative aux paiements privilégiés et aux hypothèques**

Dans les affaires relatives aux paiements privilégiés et aux hypothèques, la compétence juridictionnelle est déterminée en fonction du montant de la créance garantie.

**Ingingo ya 9: Agaciro k'ikiburanwa katagaragara**

Iyo ibishingirwaho mu kugena ububasha bw'urukiko bitagaragaza agaciro k'ikiburanwa, urega agaragaza agaciro k'icyo aregera, bitashoboka kakagenwa n'umucamanza.

**UMUTWE WA II: UBUBASHA BW'INKIKO BUSHINGIYE KU IFASI**

**Icyiciro cya mbere: Ububasha bw'inkiko ziburanisha imanza z'inshinjabyaha bushingiye ku ifasi**

**Ingingo ya 10: Urukiko rufite ububasha mu manza z'inshinjabyaha bushingiye ku ifasi igihe havutse impaka**

Mu gihe hari impaka mu kumenya urukiko rufite ububasha bushingiye ku ifasi bwo kuburanisha urubanza rufitwe n'inkiko zirenze rumwe, hagenwa urukiko ruburanisha, mu buryo bukurikira:

1° urukiko rw'aho icyaha cyakorewe;

2° urukiko rw'aho ukurikiranyweho icyaha atuye cyangwa aba;

3° urukiko rw'aho ukurikiranyweho icyaha yafatiwe.

**Article 9: Undetermined value in dispute**

If the criteria for determination of jurisdiction of court does not specify the value in dispute, the plaintiff specifies the value of the dispute, failing which it is specified by the judge.

**CHAPTER II: TERRITORIAL JURISDICTION OF COURTS**

**Section One: Territorial jurisdiction of criminal courts**

**Article 10: Territorial jurisdiction in criminal matters in case of challenge to jurisdiction**

When the territorial jurisdiction is challenged in a criminal case pending before more than one court, the court with jurisdiction over the case is:

1° the court for the place of commission of the offence;

2° the court for the accused person's place of residence or domicile;

3° the court for the accused's place of arrest.

**Article 9: Valeur indéterminée du litige**

Lorsque les critères de détermination de la compétence judiciaire ne spécifient pas la valeur du litige, celle-ci est déterminée par le demandeur, sinon par le juge.

**CHAPITRE II: COMPÉTENCE TERRITORIALE DES JURIDICTIONS**

**Section première: Compétence territoriale des juridictions répressives**

**Article 10: Compétence territoriale en matière pénale en cas de contestation**

En cas de contestation sur la compétence territoriale de connaître d'une affaire pénale pendante devant plus d'une juridiction, la juridiction compétente est déterminée de la façon suivante:

1° la juridiction du lieu de commission de l'infraction;

2° la juridiction du domicile ou de la résidence du prévenu;

3° la juridiction du lieu d'arrestation du prévenu.

Urukiko rw'aho icyaha cyakorewe ni rwo bahitamo ku rw'aho ukurikiranyweho icyaha atuye cyangwa aba. Urukiko rw'aho ukurikiranyweho icyaha atuye cyangwa aba ni rwo bahitamo ku rw'aho ukurikiranyweho icyaha afatiwe.

**Ingingo ya 11: Urukiko rufite ububasha igihe imanza zikurikiranywemo abantu bafatanyije gukora ibyaha**

Iyo abantu benshi bakurikiranywe hamwe, kubera ko bafatanyije gukora ibyaha by'urusobe cyangwa ko babibayemo ibyitso, urukiko rufite ububasha bushingiye ku ifasi bwo kuburanisha urubanza ku cyaha kirushije ibindi kuremera ni na rwo rufite ububasha bwo kuburanisha imanza z'ibindi byaha.

**Ingingo ya 12: Kohereza urubanza mu rukiko rubifitiye ububasha**

Iyo urukiko rwaregewe icyaha rufite ububasha bwo kuburanisha ariko rugasanga ibikorwa biregerwa bigize ahubwo ikindi cyaha kiri mu bubasha bw'urundi rukiko, ruherako rwikuraho urwo rubanza, rukarwohereza muri urwo rukiko rufite ububasha kugira ngo rube ari rwo ruruburanisha.

Icyo gihe ibyakozwe mbere mu ikurikirana no mu iburanisha bigumana agaciro kabyo.

The court for the place of commission of the offence takes precedence over the court for the accused's place of domicile or residence. The court for the accused person's place of domicile or residence takes precedence over the court for the place of the accused's arrest.

**Article 11: Territorial jurisdiction in case of several people jointly prosecuted as offenders**

Where several persons are jointly prosecuted as offenders or accomplices in the commission of related offences, the court with territorial jurisdiction over the most serious offence has also jurisdiction over other offences.

**Article 12: Transfer of a case to a competent court**

Where a court with which a case is filed has jurisdiction over the case but establishes that the facts underlying the claim constitute nothing more than an offence falling within the jurisdiction of another court, it declines jurisdiction and refers the case to the competent court for trial.

In that case, all prior steps in investigations and proceedings remain valid.

La juridiction du lieu de commission de l'infraction est préférée à la juridiction du lieu de domicile ou de résidence du prévenu. La juridiction du lieu de domicile ou de résidence du prévenu est préférée à la juridiction du lieu d'arrestation du prévenu.

**Article 11: Compétence territoriale lorsque plusieurs personnes sont poursuivies conjointement comme auteurs**

Lorsque plusieurs personnes sont poursuivies conjointement comme auteurs ou complices d'infractions connexes, la juridiction territorialement compétente pour juger l'infraction la plus grave est également compétente pour juger les autres infractions.

**Article 12: Renvoi d'une affaire devant une juridiction compétente**

Lorsqu'une juridiction saisie d'une infraction de sa compétence constate que les faits à l'origine de la plainte ne constituent qu'une infraction dont la connaissance est attribuée à une autre juridiction, elle se dessaisit et renvoie l'affaire devant la juridiction compétente pour examen.

Dans ce cas, les actes d'instruction et de procédure intervenus antérieurement demeurent valables.

**Icyiciro cya 2: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza z'imbonezamubano**

**Akiciro ka mbere: Ububasha mu manza z'abantu ku giti cyabo**

**Ingingo ya 13: Ububasha mu manza mbonezamubano hakurikijwe ifasi**

Urukiko rw'aho uregwa atuye, aho aba cyangwa aho yahisemo ko abarizwa ni rwo rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza, uretse mu gihe amategeko abiteganya ukundi.

Iyo hari abaregwa benshi, urega yihitiramo urukiko rw'aho umwe (1) muri bo atuye.

Igihe aho uregwa atuye hatazwi, urubanza ruburanishwa mu rukiko rw'aho urega atuye cyangwa aba.

**Ingingo ya 14: Iregwa ry'abanyamahanga mu nkiko z'u Rwanda**

Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 13 y'iri tegeko, abanyamahanga bashobora kuregwa mu nkiko z'u Rwanda mu bihe bikurikira:

1° iyo biyemeje kuzaburanira mu Rwanda;

2° iyo amasezerano ikirego gishingiyeho yakorewe mu Rwanda, yaharangirijwe cyangwa se agomba kuharangirizwa;

**Section 2: Territorial jurisdiction in civil matters**

**Subsection One: Jurisdiction in disputes between physical persons**

**Article 13: Territorial jurisdiction in civil matters**

The court for the defendant's place of domicile, residence or elected domicile has jurisdiction over the case, unless the law otherwise provides.

In case of several defendants, the plaintiff chooses the court for the place of domicile of one (1) of the defendants.

When the defendant's domicile is unknown, the case is heard by the court for the place of the plaintiff's domicile or residence.

**Article 14: Suing foreign nationals in the Rwandan courts**

Subject to the provisions of Article 13 of this Law, foreign nationals may be sued in the Rwandan courts where:

1° they agree to be tried in Rwanda;

2° the contract from which the dispute arises was concluded, executed or must be executed in Rwanda;

**Section 2: Compétence territoriale en matière civile**

**Sous-section première: Compétence en matière de contestations entre personnes physiques**

**Article 13: Compétence territoriale en matière civile**

La juridiction du domicile, de la résidence ou du domicile élu du défendeur est compétente pour connaître de la cause, sauf exception prévue par la loi.

S'il y a plusieurs défendeurs, la cause est portée au choix du demandeur devant la juridiction du domicile de l'un (1) d'eux.

Lorsque le domicile du défendeur n'est pas connu, la cause est portée devant la juridiction du lieu de domicile ou de résidence du demandeur.

**Article 14: Assigner les étrangers devant les juridictions rwandaises**

Sous réserve des dispositions de l'article 13 de la présente loi, les étrangers peuvent être assignés devant les juridictions rwandaises dans les circonstances suivantes:

1° s'ils acceptent d'être jugés au Rwanda;

2° si le contrat qui sert de base à la demande est né, a été ou doit être exécuté au Rwanda;

3° iyo urubanza rwerekeye ubuzungure bwatangiriye mu Rwanda;

4° iyo ari ugusaba kwemeza cyangwa gukuraho ifatira ryabereye mu Rwanda cyangwa ari ugusaba ikindi cyemezo cyose cy'agateganyo cy'ubwishingane;

5° iyo ari ikirego gifitanye isano n'urubanza rwatangiye kuburanishwa mu rukiko rwo mu Rwanda;

6° iyo basaba ko imanza cyangwa inyandikompamo byabereye mu mahanga, birangirizwa mu Rwanda;

7° iyo ari urubanza rwerekeye igihombo mu bucuruzi gitewe n'icungamutungo ririmo uburiganya kandi icyo gihombo cyarabereye mu Rwanda;

8° mu gihe abaregwa ari benshi, ariko umwe muri bo, atuye mu Rwanda cyangwa ahaba;

9° iyo ubwato bukurikiranyweho ikosa bwakoreye mu mazi yo mu mahanga, buri mu mazi y'u Rwanda mu gihe cy'imenyesha ry'ikirego;

10° iyo indege ikurikiranyweho ikosa yakoreye mu kirere cyo mu mahanga, iri mu kirere cy'u Rwanda mu gihe cy'imenyesha ry'ikirego.

3° the case relates to a succession opened in Rwanda;

4° the case relates to the application for court order to validate or lift seizures carried out in Rwanda or any other application for interim or conservatory measures;

5° the claim is connected to another case that is already pending before a Rwandan court;

6° they seek execution in Rwanda of court decisions rendered or authentic instruments issued abroad;

7° the case relates to commercial bankruptcy resulting from dishonest management and such bankruptcy is opened in Rwanda;

8° there are several defendants, one of whom has domicile or residence in Rwanda;

9° a ship or vessel subject to prosecution for an act committed in foreign waters is found in national waters at the time of issuance of the notice to appear;

10° an aircraft subject to prosecution for an act committed in a foreign air space is found in the Rwandan air space at the time of the issuance of the notice to appear.

3° si l'affaire est relative à une succession ouverte au Rwanda;

4° s'il s'agit de demande en validité ou en main levée de saisie formée au Rwanda ou de demande de toutes autres mesures provisoires ou conservatoires;

5° si la demande est connexe à une affaire déjà pendante devant une juridiction rwandaise;

6° si on demande que les décisions judiciaires ou les actes authentiques pris à l'étranger soient exécutés au Rwanda;

7° s'il s'agit d'une affaire en matière de faillite due à une gestion malhonnête et quand cette faillite est ouverte au Rwanda;

8° dans les cas où il y a plusieurs défendeurs dont l'un a son domicile ou sa résidence au Rwanda;

9° quand un navire ou un bâtiment poursuivi pour un acte commis dans les eaux étrangères se trouve dans les eaux rwandaises au moment de l'assignation;

10° quand un aéronef poursuivi pour un acte commis dans l'espace aérien étranger se trouve dans l'espace aérien rwandais au moment de l'assignation.

Iyo impamvu zose zimaze kuvugwa zidahagije mu gusobanura igihe inkiko zo mu Rwanda zifite ububasha bwo guca imanza z'abanyamahanga, urega ashobora kuregera urukiko rwo mu Rwanda rw'aho atuye, aho aba cyangwa aho icyo aregera kiri.

**Akiciro ka 2: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza ziregwamo Leta , ibigo n'inzego byayo hamwe n'imiryango n'ibigo bitari ibya Leta**

**Ingingo ya 15: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza ziregwamo Leta, ibigo n'inzego byayo**

Imanza ziregwamo Leta, ibigo n'inzego byayo bifite ubuzima gatozi ziburanishirizwa mu rukiko rwo mu ifasi y'aho icyicaro cyabyo kiri cyangwa y'aho ikiburanwa kiri.

**Ingingo ya 16: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza ziregwamo ibigo n'imiryango bitari ibya Leta**

Imanza zerekeye amasosiyete y'ubucuruzi n'indi miryango ifite ubuzimagatozi itari iya Leta, ziburanishirizwa mu rukiko rwo mu ifasi irimo icyicaro cyabyo gikuru, cyangwa aho ikiburanwa kiri cyangwa aho ishami bireba riherereye.

If all the above circumstances are not sufficient to establish jurisdiction of Rwandan courts over foreign nationals, the plaintiff may file a suit in a Rwandan court for the place of his/her domicile or residence or for the place of location of the subject matter.

**Subsection 2: Territorial jurisdiction in cases against the State, public institutions and entities as well as non-governmental corporations and entities**

**Article 15: Territorial jurisdiction in cases against the State, public institutions and entities**

Cases against the State, public institutions and entities with legal personality are filed in the courts for the place of location of their headquarters or that of the subject matter.

**Article 16: Territorial jurisdiction in cases against non-governmental entities and corporations**

Cases pertaining to companies and other non-governmental corporations with legal personality are heard in courts for the place of location of their principal place of business or that of the subject matter or that of the concerned branch.

Si toutes les circonstances ci-haut indiquées sont insuffisantes pour déterminer la compétence des juridictions rwandaises à l'égard des étrangers, le demandeur peut saisir la juridiction rwandaise du lieu de son domicile, de sa résidence ou du lieu de l'objet du litige.

**Sous-section 2: Compétence territoriale dans les affaires engagées contre l'État, les institutions et établissements publics ainsi que les entreprises et entités non-étatiques**

**Article 15: Compétence territoriale dans les affaires engagées contre l'État, les institutions et les entités publiques**

Les affaires engagées contre l'État, les institutions et établissements publics dotés de la personnalité juridique sont portées devant la juridiction dans le ressort duquel est établi leur siège ou devant la juridiction du lieu de l'objet du litige.

**Article 16: Compétence territoriale dans les affaires engagées contre les entités et entreprises non-étatiques**

Les affaires impliquant les sociétés commerciales et les autres entreprises non-étatiques dotées de la personnalité juridique sont portées devant la juridiction du ressort dans lequel elles ont leur principal établissement ou devant la juridiction du lieu de l'objet du litige ou de la branche concernée.

**Akiciro ka 3: Amahame rusange ku igena ry'ububasha bushingiye ku ifasi**

**Ingingo ya 17: Ububasha mu manza zerekeranye n'imitungo yimukanwa**

Imanza zerekeranye n'imitungo yimukanwa zishobora kuburanirwa mu rukiko rw'aho amasezerano yakorewe, mu rukiko rw'aho agomba kurangirizwa cyangwa mu rukiko rw'aho yarangirijwe.

Imigezi, inzuzi n'ibiyaga bigabanya amafasi abiri (2) y'inkiko bifatwa nk'aho biri mu ifasi ya buri rukiko.

**Ingingo ya 18: Ububasha mu gihe hari ahatoranyijwe ko harangirizwa amasezerano**

Iyo hari ahantu hatoranyijwe ko harangirizwa amasezerano, urukiko rw'aho hantu ni rwo ruregerwa urubanza ruyerekeye.

**Ingingo ya 19: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza ziregwamo abatumwa n'inkiko n'izerekeranye n'igihombo**

Imanza ziregwamo abategetsi b'isosiyete, abashinzwe kwegeranya umutungo w'isosiyete ifite ibibazo, abacungamari n'izindi ntumwa bashyizweho n'urukiko ziburanishwa n'urukiko rwabashyizeho.

**Subsection 3: General principles for determining territorial jurisdiction**

**Article 17: Jurisdiction in cases pertaining to movable property**

Cases pertaining to movable property may be heard in courts for the place where the contract is made or for the intended place of contract execution or for the place where the contract has been executed.

Rivers and lakes which separate territorial jurisdictions of two (2) courts are considered as falling within the territorial jurisdiction of each court.

**Article 18: Territorial jurisdiction in case of election of domicile for contract execution**

In case of election of domicile for contract execution, any related action is brought before the court for the place selected for contract execution.

**Article 19: Territorial jurisdiction in cases against court-appointed officers and bankruptcy cases**

Cases brought against company's directors, receivers, accountants and other court-appointed officers are heard by the court having mandated them.

**Sous-section 3: Principes généraux de détermination de la compétence territoriale**

**Article 17: Compétence en matière mobilière**

En matière mobilière, les affaires peuvent être portées devant la juridiction soit du lieu de conclusion du contrat, soit du lieu prévu pour l'exécution du contrat, soit du lieu où le contrat a été exécuté.

Les rivières, les fleuves et les lacs qui séparent les ressorts de deux (2) juridictions sont considérés comme relevant du ressort de chaque juridiction.

**Article 18: Compétence territoriale en cas de domicile élu pour l'exécution d'un contrat**

En cas de domicile élu pour l'exécution d'un contrat, toute action y relative est portée devant la juridiction du lieu de ce domicile.

**Article 19: Compétence territoriale dans les affaires engagées contre les mandataires commis par la justice et dans les affaires de faillite**

Les affaires engagées contre les administrateurs de la société, curateurs, comptables et autres mandataires commis par la justice sont portées devant la juridiction qui les a désignés.

Ibirego byerekeye igihombo mu by'ubucuruzi gitewe n'icungamutungo ririmo uburiganya n'uburangare bukabije biregerwa mu rukiko rwo mu ifasi y'aho icyo gihombo cyabereye.

Claims in bankruptcy arising from fraudulent accounting practices and serious recklessness are heard by the court whose territorial jurisdiction covers the place of the opening of bankruptcy.

Les demandes en matière de faillite résultant de la comptabilité frauduleuse et de l'imprudence grave sont portées devant la juridiction du ressort dans lequel la faillite a été ouverte.

**Ingingo ya 20: Ububasha bushingiye ku ifasi mu rubanza rwerekeye ubwishingizi bw'umwana**

**Article 20: Territorial jurisdiction of courts in matters of guardianship of a minor**

**Article 20: Compétence territoriale en matière de tutelle d'un mineur**

Urubanza rwerekeye imurikwa ry'ibintu byari bishinzwe umwishingizi w'umwana ruregerwa mu rukiko ruri mu ifasi y'aho ubwishingizi bwatangiwe.

A case relating to the passing of accounts by the guardian of a minor is filed with the court for the place of the opening of the guardianship.

L'affaire en reddition de comptes de tutelle est portée devant la juridiction du ressort dans lequel la tutelle a été ouverte.

**Ingingo ya 21: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza zerekeye umutungo utimukanwa**

**Article 21: Territorial jurisdiction in cases pertaining to immovable property**

**Article 21: Compétence territoriale en matière immobilière**

Imanza zerekeye umutungo utimukanwa ziregerwa mu rukiko rw'aho ibyo bintu biri.

Cases pertaining to immovable property are brought before the court for the place where the property is located.

En matière immobilière, les affaires sont portées devant la juridiction du lieu de situation de l'immeuble.

Iyo ikintu kitimukanwa kiri mu mafasi menshi y'inkiko, urukiko rufite ububasha bwo kukiburanisha ni ururi mu ifasi irimo igice kinini cy'icyo kiburanwa.

If immovable property is situated within the territorial jurisdiction of different courts, the court within whose territorial jurisdiction the largest portion of the property is located has jurisdiction over the case.

Si l'immeuble est situé dans différents ressorts de juridictions, la compétence est fixée en fonction de la partie de l'immeuble dont la superficie est la plus étendue.

Icyakora, urega afite ububasha bwo kwihitiramo kurega mu rukiko rwo mu ifasi iyo ari yo yose irimo igice cy'icyo kintu, iyo uregwa ariho atuye cyangwa abarizwa.

However, the plaintiff has the option to bring proceedings in any court within whose territorial jurisdiction any portion of the immovable property is situated, provided the defendant has his/her domicile or residence therein.

Toutefois, le demandeur a l'option de porter plainte devant la juridiction du ressort dans lequel est située une partie quelconque de l'immeuble, pourvu que le défendeur y ait son domicile ou sa résidence.

**Ingingo ya 22: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza zerekeranye n'izungura**

Imanza ziregerwa mu rukiko ruri mu ifasi y'aho izungura ryatangiriye ni izi zikurikira:

1° izerekeye uburenganzira bwo kuzungura;

2° izerekeye igabana kimwe n'izindi zose z'abafatanyije kuzungura kugeza igihe cy'iryo gabana;

3° iziregा uwashinzwe kugenzura irangiza ry'irage;

4° izerekeye iseswa cyangwa isubiramo ry'igabana n'izerekeye ubwishingire bw'imigabane;

5° iz'abarazwe n'ababerewemo umwenda barega abazunguye cyangwa umwe muri bo.

**Ingingo ya 23: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza zerekeranye n'izungura ryatangiriye mu mahanga**

Iyo izungura ryabereye mu mahanga, imanza zavuzwe mu ngingo ya 22 y'iri tegeko ziregerwa mu rukiko rw'aho ibintu bitimukanwa by'iryo zungura biri kandi zigakurikiza ibikubiye mu ngingo ya 21 y'iri tegeko.

Iyo izungura ritarimo ibintu bitimukanwa biri

**Article 22: Territorial jurisdiction in succession cases**

Cases brought before the court within whose territorial jurisdiction the succession is opened are as follows:

1° those pertaining to the rights to succession;

2° those pertaining to the distribution of estate and all other actions pertaining to co-heirs until the time of distribution;

3° those brought against the estate executor;

4° those seeking the annulment or rescission of estate distribution and guarantee of shares;

5° those brought by legatees and creditors against heirs or one of them.

**Article 23: Territorial jurisdiction in cases relating to succession opened abroad**

If succession is opened abroad, cases provided for in Article 22 of this Law are brought before the court for the place where the immovable property arising by way of such succession is situated, in accordance with Article 21 of this Law.

If the estate does not comprise any

**Article 22: Compétence territoriale en matière de succession**

Les affaires portées devant la juridiction du ressort où la succession est ouverte sont les suivantes:

1° celles concernant les droits de succession;

2° celles concernant le partage et toutes autres affaires concernant les cohéritiers jusqu'au moment du partage;

3° celles intentées contre l'exécuteur testamentaire;

4° celles en rapport avec la nullité ou en rescision du partage et en garantie des parts successorales;

5° celles concernant les légataires et les créanciers contre les héritiers ou l'un de ces derniers.

**Article 23: Compétence territoriale dans les affaires relatives à la succession ouverte à l'étranger**

Lorsque la succession est ouverte dans un pays étranger, les affaires visées à l'article 22 de la présente loi sont portées devant la juridiction du lieu de situation des immeubles dépendant de cette succession et ce, conformément à l'article 21 de la présente loi.

Si la succession ne comprend pas des

mu Rwanda, ububasha bwo guca imanza zabyo bwubahiriza ibiteganywa mu ngingo ya 13 n'iya 14 z'iri tegeko.

immovable property located in Rwanda, jurisdiction to hear related cases is determined in accordance with the provisions of Articles 13 and 14 of this Law.

immeubles situés au Rwanda, la compétence pour juger les affaires y relatives est déterminée conformément aux dispositions des articles 13 et 14 de la présente loi.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Ububasha bushingiye ku ifasi ku birego biregera kwiregura n'ibihamagaza uwishingiye uregwa**

Urukiko rwaregewe ikirego cy'iremezo ni na rwo ruburanisha imanza zerekeye ibirego biregera kwiregura n'ibihamagaza mu rubanza uwishingiye uregwa, kereka iyo zigenewe urundi rukiko rwisumbuye ruzifitiye ububasha bushingiye ku kiburanwa.

**<u>Article 24</u>: Territorial jurisdiction in counterclaims and cases against guarantors**

The court in which the original claim is pending also hears counterclaims and cases against a guarantor, except where such cases fall within the subject-matter jurisdiction of another higher court.

**<u>Article 24</u>: Compétence territoriale en cas de demandes reconventionnelles et de demandes contre un garant**

La juridiction devant laquelle la demande principale est pendante connaît également des demandes reconventionnelles et de demandes contre un garant sauf si elles relèvent de la compétence matérielle d'une autre juridiction supérieure.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Ububasha bushingiye ku ifasi mu manza zikomoka ku rubanza rw'iremezo**

Urukiko rufite ububasha bushingiye ku kiburanwa bwo kuburanisha urubanza rw'iremezo, ni na rwo rufite ububasha bwo kuburanisha n'izindi zose zirukomokaho mu gihe cy'urubanza, kimwe n'izikomoka ku mihango y'iburanisha ryarwo.

**<u>Article 25</u>: Territorial jurisdiction to hear incidental claims**

The court which has subject-matter jurisdiction over the principal claim has also jurisdiction over all other incidents and proceedings arising from such principal claim.

**<u>Article 25</u>: Compétence territoriale en cas de demandes incidentes**

La juridiction ayant la compétence matérielle pour statuer sur la demande principale connaît également de tous les incidents et devoirs d'instructions auxquels donne lieu cette demande.

**INTERURO YA III: UBUBASHA BUSHINGIYE KU KIBURANWA CYANGWA KU BUSHOBOZI BW'URUKIKO**

**UMUTWE WA MBERE: UBUBASHA BW'INKIKO ZISANZWE**

**Icyiciro cya mbere: Ububasha bw'Inkiko z'Ibanze**

**Akiciro ka mbere: Ububasha bw'Inkiko z'Ibanze mu manza nshinjabyaha**

**Ingingo ya 26: Ibyaha biburanishwa n'Inkiko z'Ibanze**

Inkiko z'Ibanze ziburanisha ibyaha bikurikira:

1° ibyaha bihanishwa igihano cy'igifungo kitarengeje imyaka itanu (5), uretse ibyahariwe izindi nkiko;

2° ibyaha bya jenoside yakorewe Abatutsi n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 bikurikira:

a) ibikorwa by'iyicarubozo;

b) ubwicanyi;

c) ibikorwa byo gusambanya ku gahato cyangwa kwangiza imyanya

**TITLE III: SUBJECT MATTER OR ASSIGNED JURISDICTION OF COURT**

**CHAPTER ONE: JURISDICTION OF ORDINARY COURTS**

**Section One: Jurisdiction of Primary Courts**

**Subsection One: Jurisdiction of Primary Courts in criminal matters**

**Article 26: Offences falling within the jurisdiction of Primary Courts**

Primary Courts have jurisdiction over the following offences:

1° offences punishable by a term of imprisonment not exceeding five (5) years, except those which are exclusively preserved for other courts;

2° crimes of genocide against Tutsi and crimes against humanity committed in Rwanda between 1st October 1990 and 31st December 1994 listed below:

a) acts of torture;

b) homicide;

c) acts of rape or genital mutilation;

**TITRE III: COMPÉTENCE MATÉRIELLE OU D'ATTRIBUTION**

**CHAPITRE PREMIER: COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS ORDINAIRES**

**Section première: Compétence des Tribunaux de Base**

**Sous-section première: Compétence des Tribunaux de Base en matière pénale**

**Article 26: Infractions relevant de la compétence des Tribunaux de Base**

Les Tribunaux de Base connaissent des infractions suivantes:

1° infractions punissables d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas cinq (5) ans, à l'exception de celles réservées à d'autres juridictions;

2° crimes de Génocide perpétrés contre les Tutsi et crimes contre l'humanité commis au Rwanda entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 repris ci-après:

a) actes de torture;

b) homicide;

c) actes de viol ou de mutilation des organes génitaux;

ndangagitsina;

d) ibikorwa by'ubushinyaguzi ku murambo;

e) ibikorwa byo kugirira nabi abandi bikabije bikabaviramo gupfa;

f) ibikorwa byo gukomeretsa umuntu cyangwa kumugirira nabi bikabije hagambiriwe kumwica kabone n'ubwo umugambi wo kwica utagezweho;

g) ibindi byaha byakorewe abantu bitagambiriye kwica;

h) ibindi byaha byakozwe n'umuntu wari mu nzego z'ubuyobozi ku rwego rwa superefegitura cyangwa urwa Komini, mu mashyaka ya politiki, mu gipolisi cya Komini cyangwa mu mitwe yitwara gisirikari, akaba yarakoze ibyo byaha cyangwa akoshya abandi kubikora hamwe n'ibyitso bye;

3° gusubirishamo ingingo nshya imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zujuje ibiteganywa n'itegeko.

Inkiko z'Ibanze ziburanisha kandi ibirego byerekeye ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo ku rwego rwa mbere.

d) degrading acts on a dead body;

e) serious harms to persons having resulted in death;

f) acts that cause injuries or a serious harm to persons, with intent to inflict death, even if the purpose of inflicting death is not accomplished;

g) any other criminal acts against persons without any intent to inflict death;

h) other crimes committed by any person who was in the administrative organs at the sub-prefecture or commune level, in political organizations, in the communal police or in any militia and who committed or incited other people to commit such crimes with his/her accomplices;

3° review of cases tried by Gacaca courts which fulfil the conditions required by law.

Primary Courts also hear applications for provisional detention and release at first instance.

d) actes dégradants sur un cadavre;

e) atteintes graves contre les personnes ayant entraîné la mort;

f) actes qui causent des blessures ou une atteinte grave à une personne, dans l'intention de donner la mort, quand bien même ce but n'a pas été atteint;

g) d'autres actes criminels commis contre des personnes sans intention de donner la mort;

h) autres crimes commis par une personne qui était à l'époque dans les organes de l'administration au niveau de la sous-préfecture ou de la commune, dans des formations politiques, dans la police communale ou dans les milices et a commis ou a incité les autres à commettre de tels crimes avec ses complices;

3° révision des affaires jugées par les juridictions Gacaca remplissant les conditions requises par la loi.

Les Tribunaux de Base connaissent également des demandes de mise en détention et liberté provisoires au premier degré.

**Akiciro ka 2: Ububasha bw'Inkiko z'Ibanze mu manza mbonezamubano**

**Ingingo ya 27: Ububasha mu rwego rwa mbere**

Inkiko z'Ibanze ziburanisha mu rwego rwa mbere:

1° impaka ziri hagati y'abantu ku giti cyabo n'ibigo cyangwa imiryango bitari ibya Leta bifite ubuzima gatozi hagati yabyo zitarengeje miliyoni makumyabiri z'amafaranga y'u Rwanda (20.000.000 FRW);

2° imanza zerekeye umutungo wimukanwa urengeje agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 FRW) ariko katarengeje miliyoni makumyabiri (20 000 000 FRW) n'izungura kuri uwo mutungo;

3° imanza zerekeye umutungo utimukanwa utari ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi, urengeje agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 FRW) ariko katarengeje miliyoni makumyabiri (20. 000 .000 FRW) n'izungura kuri uwo mutungo, kimwe n'impaka ziri hagati y'uwahawe amasezerano y'ubukode burambye n'uwiyita nyir'umutungo ariko utayafite;

4° ibirego byose byo mu rwego rw'ubucuruzi bitarengeje miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) z'amafaranga y'u Rwanda;

**Subsection 2: Jurisdiction of Primary Courts in civil matters**

**Article 27: Jurisdiction at first instance**

Primary Courts try at first instance:

1° disputes between physical and non-governmental entities or corporations whose monetary value does not exceed twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000);

2° cases relating to movable property of more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000), but which does not exceed twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000) and those relating to succession in respect thereof;

3° cases relating to immovable property other than land used for agriculture and livestock of a value of more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000), but which does not exceed twenty million Rwandan Francs (FRW 20,000,000) and succession in respect thereof as well as disputes between the emphyteutic lessee and the so-called landowner with no certificate;

4° all commercial matters involving amounts of not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000);

**Sous-section 2: Compétence des Tribunaux de Base en matière civile**

**Article 27: Compétence au premier degré**

Les Tribunaux de Base connaissent au premier degré:

1° des contestations entre les personnes physiques et les entités ou entreprises non-gouvernementales dont la valeur du litige n'excède pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW);

2° des affaires relatives aux biens mobiliers de plus de trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) dont la valeur n'excède pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) et celles relatives à leur succession;

3° des affaires relatives aux biens immobiliers autres que les terrains pour l'agriculture et l'élevage d'une valeur de plus de trois million de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas vingt million de francs rwandais (20.000.000 FRW) et celles relatives à leur succession aussi bien que le contentieux entre l'emphytéote et le soi-disant propriétaire foncier qui n'en a pas le certificat;

4° toutes les affaires commerciales dont la valeur n'excède pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW);

5° imanza zerekeye imimerere y'abantu n'umuryango.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ububasha bw'Inkiko z'Ibanze ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma**

Inkiko z'Ibanze ziburanisha mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma imanza zijyanye n'ibirego byerekeranye n'ibyemezo byafashwe na Komite z'Abunzi.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ububasha bw'Inkiko Zisumbuye**

**<u>Akiciro ka mbere</u>: Ububasha bw'Inkiko Zisumbuye mu manza nshinjabyaha**

**<u>Ingingo ya 29</u>: Ibyaha biburanishwa n'Inkiko Zisumbuye mu rwego rwa mbere**

Inkiko Zisumbuye ziburanisha ku rwego rwa mbere ibyaha bikurikira:

1° ibyaha bihanishwa igihano cy'igifungo kirengeje imyaka itanu (5), keretse ibyaha iri tegeko ryahariye izindi nkiko;

2° ibyaha bya jenoside yakorewe Abatutsi n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza1994 n'aba bakurikira:

5° cases relating to the status of persons and family.

**<u>Article 28</u>: Jurisdiction of Primary Courts at first and last instance**

Primary Courts try at first and last instance complaints related to the *Abunzi* Committees' decisions.

**<u>Section 2</u>: Jurisdiction of Intermediate Courts**

**<u>Subsection One</u>: Jurisdiction of Intermediate Courts in criminal matters**

**<u>Article 29</u>: Offences within the jurisdiction of Intermediate Court at first instance**

Intermediate Courts try at the first instance the following offences:

1° offences punishable by a term of imprisonment exceeding five (5) years, except offences which are exclusively preserved for other courts by this Law;

2° crimes of genocide perpetrated against the Tutsi and crimes against humanity committed in Rwanda between 1st October 1990 and 31st December 1994 by the following persons:

5° des affaires relatives à l'état des personnes et de la famille.

**<u>Article 28</u>: Compétence des Tribunaux de Base au premier et dernier degré**

Les Tribunaux de Base connaissent au premier et dernier degré des contestations contre les décisions prises par les Comités d'Abunzi.

**<u>Section 2</u>: Compétence des Tribunaux de Grande Instance**

**<u>Sous-section première</u>: Compétence des Tribunaux de Grande Instance en matière pénale**

**<u>Article 29</u>: Infractions relevant de la compétence des Tribunaux de Grande Instance au premier degré**

Les Tribunaux de Grande Instance connaissent au premier degré des infractions suivantes :

1° infractions punissables d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans, à l'exception des infractions réservées par la présente loi à d'autres juridictions;

2° crimes de génocide perpétré contre les Tutsi et crimes contre l'humanité commis au Rwanda entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994 par les personnes suivantes:

a) umuntu wakoze ibyaha cyangwa ibikorwa by'ubufatanyacyaha bimushyira mu bacuze umugambi, abawuteguye, abawushishikarije abandi, abagenzuye n'abayoboye jenoside cyangwa ibindi byaha byibasiye inyokomuntu, hamwe n'ibyitso bye;

b) umuntu wari icyo gihe mu nzego z'ubuyobozi mu rwego rw'Igihugu cyangwa urwa Perefegitura n'ibyitso bye.

**Ingingo ya 30: Ububasha bw'Inkiko Zisumbuye mu rwego rw'ubujurire**

Inkiko Zisumbuye ziburanisha imanza z'inshinjabyaha n'ibyemezo byajuririwe bivuye mu Nkiko z'Ibanze zo mu ifasi yazo.

**Akiciro ka 2: Ububasha bw'Inkiko Zisumbuye mu manza mbonezamubano**

**Ingingo ya 31: Ububasha mu rwego rwa mbere**

Inkiko Zisumbuye ziburanisha mu rwego rwa mbere imanza zose zitahariwe kuburanishwa n'izindi nkiko.

Inkiko Zisumbuye ziburanisha kandi ibirego by'indishyi zijyanye n'ubwishingizi bw'impanuka zo mu muhanda.

a) any person having committed offences or acts of complicity which place him/her in the category of masterminds, planners, instigators, supervisors and leaders of genocide or other crimes against humanity with his/her accomplices;

b) any person who was at that time in the administrative organs at the national or prefectural level and his/her accomplices.

**Article 30: Appellate jurisdiction of Intermediate Courts**

Intermediate Courts hear criminal cases and appeals against decisions of Primary Courts located within their territorial jurisdiction.

**Subsection 2: Jurisdiction of Intermediate Courts in civil matters**

**Article 31: Jurisdiction at first instance**

Intermediate Courts hear at the first instance all cases that are outside the jurisdiction of other courts.

Intermediate Courts also hear civil actions relating to road traffic accident insurance disputes.

a) une personne ayant commis des crimes ou des actes de complicité qui la rangent dans la catégorie des organisateurs, des planificateurs, des instigateurs, des superviseurs ou des dirigeants du génocide ou autres crimes contre l'humanité ainsi que ses complices;

b) une personne qui était à l'époque dans les organes de l'administration au niveau national ou préfectoral et ses complices.

**Article 30: Compétence des Tribunaux de Grande Instance en appel**

Les Tribunaux de Grande Instance connaissent de l'appel formé contre les jugements pénaux et les décisions rendus par les Tribunaux de Base relevant de leur ressort.

**Sous-section 2: Compétence des Tribunaux de Grande Instance en matière civile**

**Article 31: Compétence au premier degré**

Les Tribunaux de Grande Instance connaissent au premier degré de toutes les affaires ne relevant pas de la compétence d'autres juridictions.

Les Tribunaux de Grande Instance connaissent également des actions civiles relatives au contentieux d'assurance routière.

**Ingingo ya 32: Ububasha mu rwego rw'ubujurire**

Inkiko Zisumbuye ziburanisha imanza n'ibyemezo byajuririwe zaciwe mu rwego rwa mbere n'Inkiko z'Ibanze zo mu ifasi yazo.

**Article 32: Appellate jurisdiction**

Intermediate Courts have jurisdiction over appeals against cases tried and decisions rendered at first instance by Primary Courts located within their respective territorial jurisdictions.

**Article 32: Compétence au niveau d'appel**

Les Tribunaux de Grande Instance connaissent de l'appel formé contre les jugements et les décisions rendus au premier degré par les Tribunaux de Base relevant de leurs ressorts respectifs.

**Akiciro ka 3: Ububasha bw'Ingereko zihariye mu Nkiko Zisumbuye**

**Subsection 3: Jurisdiction of specialized chambers at the Intermediate Court level**

**Sous-section 3: Compétence des chambres spécialisées au niveau des Tribunaux de Grande Instance**

**A. Ububasha bw'Urugereko rw'Abana n'Umuryango**

**A. Jurisdiction of chamber for minors and family**

**A. Compétence de la chambre pour mineurs et famille**

**Ingingo ya 33: Urugereko rw'abana n'umuryango ku rwego rwa mbere**

Urugereko rwihariye rw'abana n'umuryango ruburanisha ku rwego rwa mbere ibyaha bikurikira:

1° icyaha icyo ari cyo cyose cyakozwe n'umuntu utarageza ku myaka y'ubukure igihe cyakorwaga, abo bafatanyije kimwe n'ibyitso byabo, uretse abantu baburanishwa mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma n'Urukiko rw'Ikirenga;

2° ihohoterwa rikorewe mu ngo;

3° gukuramo inda;

4° kwihekura;

5° ubwicamubyeyi;

**Article 33: Chamber for minors and family at first instance**

Kugira ngo ikirego cyakirwe mu rwego rwa kabiri kigomba kubanza kwemezwa n'umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ubujurire. Iyo uwajuriye atishimiye icyemezo yafatiwe ashobora gutakambira Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) ibazwe kuva akimenyeshejwe.

Imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ntizijuririrwa.

fifteen (15) years. In criminal cases, reference is only made to the imprisonment sentence given to determine the jurisdiction of the Court of Appeal.

However, the appeal at second instance cannot be admissible for cases in which parties have admitted charges brought against them or a party who has lost his/her case in both courts for the same reasons.

When the monetary value of the dispute was not determined in earlier cases, it must have a value of at least seventy-five million Rwandan francs (FRW 75,000,000) determined by an expert if necessary.

In order for the action to be admissible at the second level of appeal, it must be approved by the Chief Registrar of the Court of Appeal. In case the appellant is dissatisfied with the decision, he/she may appeal in writing, against the decision to the president of the Court of Appeal within five (5) days of notification of the decision.

Cases tried by the Court of Appeal are not appealable.

moins quinze (15) ans. Dans les affaires pénales, il est uniquement fait référence à la peine d'emprisonnement prononcée afin de déterminer la compétence de la Cour d'Appel.

Toutefois, l'appel au deuxième degré n'est pas recevable pour les affaires dans lesquelles les parties ont avoué les charges portées contre elles ou dont une partie a perdu son procès dans les deux juridictions pour la même raison.

Lorsque la valeur pécuniaire de l'objet du litige n'a pas été déterminée dans les affaires précédentes, l'objet doit être au moins d'une valeur de soixante-quinze millions de francs rwandais (75.000.000 FRW) déterminée par un expert si nécessaire.

Pour que la demande soit recevable au deuxième niveau d'appel, elle doit être confirmée par le greffier en Chef de la Haute Cour. Lorsque la personne ayant introduit l'action en appel n'est pas satisfaite de la décision, elle peut introduire un recours par écrit au président de la Cour d'Appel endéans cinq (5) jours à compter du jour où elle a eu connaissance de la décision.

Les affaires jugées par la Cour d'Appel ne sont pas susceptibles d'appel.

**Icyiciro cya 5: Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga**

**Akiciro ka mbere: Ububasha bwo gusubirishamo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma**

**A. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

**Ingingo ya 53: Ububasha bwo gusubiramo imanza ku mpamvu z'akarengane**

Urukiko rw'Ikirenga nirwo ruburanisha ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma, byemejwe na Perezida w'Urukikiko rw'Ikirenga.

Icyakora, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashobora no kugena urundi rukiko rwisumbuye ku rwaciye urubanza bwa nyuma, mu gihe asanze urwo rubanza nta murongo wihariye rwatanga ku zindi nkiko.

Ku karengane kabonywe na ba Perezida bo mu zindi nkiko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agena inkiko zisumbuye ku zaciye imanza zagaragayemo akarengane, zisubiramo izo manza ku mpamvu z'akarengane.

Imanza zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane ntizishobora kongera kujuririrwa.

**Section 5: Jurisdiction of the Supreme Court**

**Subsection One: Jurisdiction to review a judgement rendered at last instance**

**A. Jurisdiction to review the judgement vitiated by injustice**

**Article 53: Jurisdiction to review judgements vitiated by injustice**

The Supreme Court has jurisdiction over applications for review of judgements rendered at last instance on grounds of their being vitiated by injustice upon approval by the President of the Supreme Court.

However, the President of the Supreme Court may designate another court higher than the one that heard the case at the last instance if he/she considers that the case may not constitute a precedent for other courts.

For other cases vitiated by injustice that are identified by Presidents of other courts, the President of the Supreme Court designates courts higher than the ones having heard the case at the last instance, to review such cases on grounds of their being vitiated by injustice.

Judgments reviewed on grounds of their being vitiated by injustice may not be appealable.

**Section 5: Compétence de la Cour Suprême**

**Sous-section première: Compétence de révision de jugement rendu au dernier degré**

**A. Compétence de révision de jugement entaché d'injustice**

**Article 53: Compétence de révision des jugements entachés d'injustice**

La Cour Suprême est compétente pour connaître des recours en révision contre les jugements entachés d'injustice rendus au dernier degré sur approbation du Président de la Cour Suprême.

Toutefois, le Président de la Cour Suprême peut désigner une autre juridiction supérieure à celle qui a rendu le jugement au dernier degré, s'il estime que la décision ne peut pas constituer un précédent judiciaire pour d'autres juridictions.

Pour des cas d'injustice constatés par les Présidents d'autres juridictions, le Président de la Cour Suprême désigne des juridictions supérieures à celles ayant jugé l'affaire au dernier degré, pour réviser le jugement entaché d'injustice.

Les jugements ayant fait l'objet de révision pour des motifs d'injustice ne peuvent pas faire l'objet de nouveaux recours.

**Ingingo ya 54: Abafite ububasha bwo gushyikiriza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ibibazo byerekeranye no gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Ububasha bwo gushyikiriza ikibazo cy'akarengane Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bufitwe na:

1° Urwego rw'Umuvunyi rubisabwe n'umwe mu baburanyi;

2° Perezida w'Urukiko wasuzumye urubanza akarubonamo akarengane;

3° Umuburanyi wumva yararenganyijwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire;

4° Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko ku bindi bibazo byagaragara bidafite ababitanga.

**Ingingo ya 55: Impamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1° iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza

**Article 54: Persons empowered to submit to the President of the Supreme Court appeals for review of judgements on grounds of being vitiated by injustice**

The persons empowered to apply to the President of the Supreme Court for review of judgments on grounds of their being vitiated by injustice are:

1° the Office of the Ombudsman upon request by one of the parties;

2° the President of the court having examined the case and identified injustice therein;

3° the party that is not satisfied with the judgement rendered by the Court of Appeal;

4° the Inspector General of Courts for other possible cases in respect of which there is no one else who can raise them.

**Article 55: Reasons for review of a judgement on grounds of being vitiated by injustice**

A case that was finally determined at last instance may be reviewed on grounds of injustice due to one of the following reasons:

1° if there is unequivocal evidence of

**Article 54: Personnes habilitées à soumettre au Président de la Cour Suprême les recours en révision contre les jugements entachés d'injustice**

Les personnes habilitées à soumettre au Président de la Cour Suprême le recours en révision contre les jugements entachés d'injustice sont:

1° l'Office de l'Ombudsman sur demande de l'une des parties au procès;

2° le Président de la juridiction ayant examiné l'affaire et y a trouvé l'injustice ;

3° la partie qui n'est pas satisfaite du jugement rendu par la Cour d'Appel ;

4° l'Inspecteur Général des Cours et Tribunaux pour d'autres cas éventuels pour lesquels il n'y a personne d'autre pour les soulever.

**Article 55: Causes d'ouverture du recours en révision contre un jugement entaché d'injustice**

Le jugement rendu en dernier ressort peut faire l'objet de recours en révision pour cause d'injustice pour l'une des raisons suivantes :

1° lorsqu'il existe des preuves irréfutables de

ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;

2° iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko cyangwa ibimenyetso bigaragarira buri wese;

3° iyo urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije imikirize yarwo.

Icyakora, umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko ntiyemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, keretse akarengane kabonywe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko.

**<u>Ingingo ya 56</u>: Igihe ntarengwa cyo gusaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Ushaka ko urubanza rwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, abisaba urwego rubishinzwe mu nyandiko ikubiyemo impamvu ashingiraho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yamenyesherejwe imikirize yarwo.

Icyakora, iyo ari ugusubirishamo urubanza kubera impamvu iteganyijwe mu gace ka 3 k'ingingo ya 55 y'iri tegeko, igihe kivugwa muri iyi ngingo gishobora gutangira kubarwa

corruption, favouritism or nepotism that had effects on the judgment and which were unknown to the losing party during the course of the proceedings;

2° if during the trial, the judge showed blatant disregard for legal provisions and evidence;

3° if the judgment cannot be executed as it was decided.

However, any party entitled to ordinary and extraordinary remedies but that fails to assert his/her right within the time limit provided by law, is not allowed to apply for review of a case he/she lost because of injustice, except instances of such injustice identified by the Inspectorate-General of Courts.

**<u>Article 56</u>: Time limit for application for review of a judgment on grounds of being vitiated by injustice**

Any person wishing to have his/her case reviewed on grounds of being vitiated by injustice files, to that effect, a reasoned written application to the competent organ within thirty (30) days of notification of the judgement.

However, in case of application for review for reasons referred to in item 3 of Article 55 of this Law, the time-limits set out in this Article may begin to run from the time it appears that

corruption, de favoritisme ou de népotisme ayant motivé le jugement ou l'arrêt et qui étaient inconnues de la partie perdante au cours du procès;

2° lorsque, au cours du jugement, le juge a ignoré des dispositions légales ou des preuves de façon flagrante;

3° lorsque le jugement ou l'arrêt ne peut pas être exécuté tel que rendu.

Toutefois, la partie ayant droit à d'autres voies de recours ordinaires et extraordinaires, mais qui ne fait pas valoir son droit dans les délais prévus par la loi, n'est pas autorisée à introduire un recours en révision contre une décision judiciaire définitive pour cause d'injustice, à l'exception des cas d'injustice constatés par l'Inspection Générale des Cours et Tribunaux.

**<u>Article 56</u> : Délai de demande de recours en révision d'un jugement entaché d'injustice**

Quiconque souhaite la révision de son jugement pour cause d'injustice dépose, à cet effet, une demande écrite motivée auprès de l'organe compétent endéans trente (30) jours à compter de la date où il a eu connaissance du jugement.

Toutefois, en cas de recours en révision pour des raisons visées au point 3 de l'article 55 de la présente loi, les délais prévus au présent article peuvent commencer à courir à compter

guhera igihe byagaragaye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe n'inyandiko y'umuhesha w'inkiko.

**Ingingo ya 57: Igihe ntarengwa cyo gusubiza umuburanyi**

Umuburanyi washyikirije ikibazo cye urwego rubishinzwe asaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, asubizwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye ku munsi yatangiyeho ikibazo cye.

**Ingingo ya 58: Urwego rusuzuma akarengane ku rwego rwa mbere**

Iyo umuburanyi abonye hari akarengane kagaragara mu rubanza rwe, yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, akaba ariwe usuzuma ako karengane.

Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rwaciwe n'urukiko rw'ubujurire, ubusabe bushyikirizwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Icyemezo afashe ku isuzuma ry'akarengane kiba ari ndakuka, nta rundi rwego rugisuzuma.

**Ingingo ya 59: Gusuzuma akarengane**

Iyo Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma

it is impossible to execute the judgment as confirmed in a statement made by a bailiff.

**Article 57: Time limit for response to the party to the case**

The party to the case having applied to the relevant organ for review of a judgement on grounds of being vitiated by injustice is entitled to a response within three (3) months of the filing of the application.

**Article 58: Competent authority to examine injustice at first instance**

When a party to the case identifies injustice in his/her case, he/she submits an application to that effect in writing to the President of the court immediately higher than the one having tried the case at last instance, for him/her to examine the alleged injustice.

When the judgement in respect of which an application for review is filed on grounds of being vitiated by injustice is rendered by the Court of Appeal, it is submitted to the President of the Supreme Court. The Supreme Court President's decision taken after consideration of the alleged injustice is final and not open to any further appeal.

**Article 59: Consideration of cases of injustice**

When the president of the court with which an

du moment où il est constaté que l'exécution du jugment est impossible tel que confirmé par un huissier dans sa déclaration.

**Article 57: Délai de réponse à la partie au procès**

La partie au procès ayant soumis auprès de l'organe compétent le recours en révision contre un jugement entaché d'injustice, a droit à une réponse endéans trois (3) mois à compter de la date de soumission de sa requête.

**Article 58 : Autorité compétente pour examiner l'injustice au premier degré**

Lorsqu'une partie au procès constate une injustice dans son affaire, elle adresse à cet effet une requête écrite au Président de la juridiction immédiatement supérieure à celle ayant rendu le jugement au dernier degré, pour qu'il examine l'injustice présumée.

Au cas où le jugement faisant l'objet de recours en révision pour cause d'injustice a été rendu par la Cour d'Appel, la requête en révision est adressée au Président de la Cour Suprême. La décision qu'il prend après examen de l'injustice est définitive et ne peut faire l'objet d'aucun autre appel.

**Article 59: Examen des cas d'injustice**

Lorsque le président de la juridiction à

akarengane mu rubanza asanze akarengane kavugwa kagaragaramo, ahita yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Iyo Perezida w'Urukiko asanze nta karengane karimo, yandikira umuburanyi abimumenyesha. Iyo uwo muburanyi atanyuzwe, ashobora kwandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko rwasuzuma ako karengane.

Iyo Urwego rw'Umunvunyi rusanze ako karengane kagaragara, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rusubirwamo. Rumushyikiriza raporo ikubiyemo imiterere y'icyo kibazo n'ibimenyetso bigaragaza ako karengane.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afata icyemezo ashingiye kuri raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko.

Iyo nta karengane Urwego rw'Umuvunyi rubonye, rubimenyesha umuburanyi.

**<u>Ingingo ya 60</u>: Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bisabwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko**

Iyo Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko

application is filed for consideration of alleged injustice finds that there is such injustice, he/she promptly informs the President of the Supreme Court thereof in writing, applying for review of the judgement on grounds of being vitiated by injustice.

When the President of the Supreme Court finds no instance of injustice, he/she informs the applicant thereof. If the applicant is not satisfied, he/she may address a written request to the Office of the Ombudsman for consideration of the alleged injustice.

When the Office of the Ombudsman finds that there is such injustice, it informs the President of the Supreme Court thereof in writing and applies for review of the judgment. It provides him/her with a report on the specific nature of the issue along with evidence of such injustice.

The President of the Supreme Court takes a decision based on the report of the Inspectorate-General of Courts.

When the Office of the Ombudsman finds there has been no injustice, it informs the applicant thereof.

**<u>Article 60</u>: Review of a judgement on grounds of being vitiated by injustice on application by the Inspectorate-General of Courts**

Where the Inspectorate-General of Courts

laquelle est adressée la requête en examen d'un cas d'injustice constate un tel cas d'injustice, il en informe immédiatement par écrit le Président de la Cour Suprême en demandant la révision de ce jugement pour cause d'injustice.

Lorsque le Président de la Cour Suprême conclut à l'absence d'un quelconque cas d'injustice, il en informe le requérant par écrit. Lorsque ce dernier n'est pas satisfait, il peut demander à l'Office de l'Ombudsman une requête écrite en examen d'un cas présumé d'injustice.

Lorsque l'Office de l'Ombudsman constate un tel cas d'injustice, il en informe le Président de la Cour Suprême par écrit en demandant la révision du jugement. Il lui transmet un rapport sur la spécificité du problème ainsi que les preuves de cette injustice.

Le Président de la Cour Suprême prend la décision sur base du rapport de l'Inspection Générale des Cours et Tribunaux.

Lorsque l'Office de l'Ombudsman conclut à l'absence d'un quelconque cas d'injustice, il en informe le requérant.

**<u>Article 60</u>: Recours en révision contre un jugement entaché d'injustice à la demande de l'Inspection Générale des Cours et Tribunaux**

Lorsque l'Inspection Générale des Cours et

bwasuzumye urubanza bukarubonamo akarengane, busanze nta yindi nzira ihari yo gukemura akarengane kagaragara mu rubanza rwaciwe burundu, bukora raporo kuri icyo kibazo cy'akarengane bukayishyikiriza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Iyo raporo y'akarengane igomba kuba igaragaza aho ako karengane gashingiye n'impamvu nta zindi nzira zo kugakemura zihari.

**__Ingingo ya 61__: Isuzuma ry'akarengane mu manza Urwego rw'Umuvunyi rwabayemo umuburanyi**

Urwego rw'Umuvunyi ntirushobora kugira uruhare mu isuzuma ry'akarengane mu rubanza rwabayemo umuburanyi.

Ako karengane gasuzumwa na Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza bisabwe n'Urwego rw'Umuvunyi cyangwa uwo baburanye. Iyo igisubizo cya Perezida w'Urukiko kitanyuze umwe mu baburanyi, utanyuzwe yandikira Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko, akaba ariwe usuzuma akarengane.

Iyo Umugenzuzi Mukuru asanze mu rubanza rwaciwe harimo akarengane asaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ko urwo rubanza rusubirwamo.

considers the judgment and finds that there has been injustice and that there is no any other remedies to resolve injustice found in the final judgement, he/she prepares a report on such injustice and submits it to the President of the Supreme Court.

The report on injustice must contain facts evidencing such injustice and the reasons for the impossibility of other remedies.

**__Article 61__: Examination of injustice in cases to which the Office of the Ombudsman is a party**

The Office of the Ombudsman cannot be involved in the examination of instances of injustice in respect of a case to which it is a party.

Such alleged injustice is examined by the President of the court higher than the one having heard the case upon application by the Office of the Ombudsman or a party to the case. If either party is not satisfied with the decision of the court President, he/she informs the Inspector General of Courts thereof for him/her to examine the alleged instance of injustice.

Where the Inspector General finds there has been injustice in a judgement rendered, he/she applies to the President of the Supreme Court for review of such a judgement.

Tribunaux examine le jugement et constate un cas d'injustice et qu'il n'y a pas d'autre voie de recours pouvant permettre de résoudre le cas d'injustice constaté dans le jugement définitif, il fait le rapport sur cette injustice et le soumet au Président de la Cour Suprême.

Ce rapport d'injustice doit démontrer les preuves du cas d'injustice constaté et les raisons de l'impossibilité d'autres voies de recours.

**__Article 61__: Examen d'injustice dans les affaires au regard desquelles l'Office de l'Ombudsman est partie au procès**

L'Office de l'Ombudsman ne peut être impliqué dans la procédure d'examen d'une quelconque injustice dans un jugement au regard duquel il est partie au procès.

Le Président de la juridiction immédiatement supérieure à celle qui a rendu le jugement examine cette injustice sur demande de l'Office de l'Ombudsman ou de l'autre partie. Si l'une des parties au procès n'est pas satisfaite de la décision du Président de cette juridiction, elle en informe l'Inspecteur Général des Cours et Tribunaux qui examine le cas présumé d'injustice.

Lorsque l'Inspecteur Général constate une injustice dans un jugement rendu, il adresse au Président de la Cour Suprême un recours en révision contre ce jugement.

**<u>Ingingo ya 62</u>: Icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga kuri raporo yashyikirijwe ku manza z'akarengane**

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohereza Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanisha cyangwa akarwohereza mu rundi rukiko nk'uko bivugwa mu ngingo ya 53 y'iri tegeko.

Umuburanyi usaba kurenganurwa hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo ntatanga ingwate y'amagarama.

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asanze nta mpamvu ituma urubanza rusubirwamo, abimenyesha Urwego rw'Umuvunyi cyangwa umuburanyi mu nyandiko.

**<u>Ingingo ya 63</u>: Iburanisha ry'ibirego bisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane**

Iyo Urukiko rw'Ikirenga cyangwa urundi rukiko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agena rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya abarubayemo ababuranyi bose bahamagajwe.

**<u>Article 62</u>: Decision of the President of the Supreme Court on the report on cases vitiated by injustice submitted to him/her**

Where, upon considering a report on the judgement vitiated by injustice that is submitted to him/her, the President of the Supreme Court decides that the case be re-adjudicated, he/she forwards the file to the Chief Registrar of the Supreme Court for him/her to set the date for hearing thereof or refers it to another court as provided for under Article 53 of this Law.

The applicant seeking remedy against injustice in accordance with the provisions of this Article is exempted from payment of court fees.

If the President of the Supreme Court finds there are no grounds for review of the case, he/she informs the Office of the Ombudsman or the applicant thereof in writing.

**<u>Article 63</u>: Hearing of applications for review of a judgement on grounds of being vitiated by injustice**

When the Supreme Court or any other court designated by the President of the Supreme Court receives an application for review of a judgement on grounds of being vitiated by injustice, it examines the merits of the case anew and in the presence of all parties.

**<u>Article 62</u>: Décision du Président de la Cour Suprême sur le rapport lui soumis concernant les jugements entachés d'injustice**

Si, après examen du rapport lui soumis sur un jugement entaché d'injustice, le Président de la Cour Suprême décide que l'affaire soit jugée à nouveau, il envoie le dossier au Greffier en Chef de la Cour Suprême pour qu'il en fixe la date d'audience ou l'envoie à une autre juridiction telle que prévu par l'article 53 de la présente loi.

Le requérant exerçant un recours contre l'injustice conformément au présent article est exempté du paiement des frais de justice.

Si le Président de la Cour Suprême estime qu'il n'y a pas de causes de recours contre le jugement, il en informe par écrit l'Office de l'Ombudsman ou le requérant.

**<u>Article 63</u>: Examen des recours en révision contre un jugement entaché d'injustice**

Lorsque la Cour Suprême ou l'autre juridiction désignée par le Président de la Cour Suprême reçoit le recours en révision contre un jugement entaché d'injustice, elle l'examine de nouveau au fond et en présence de toutes les parties.

**Ingingo ya 64: Irangiza ry'urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane**

Gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibihagarika irangiza ry'urubanza.

Icyakora, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rwongera kuburanishwa ku mpamvu z'akarengane ariko rutararangizwa, irangizwa ryarwo rihita rihagarara kabone n'iyo imihango yo kururangiza yaba yaratangiye.

**B. Guhindura umurongo wafashwe n'inkiko mu nyungu z'itegeko**

**Ingingo ya 65: Ibirego byerekeranye no guhindura umurongo wafashwe n'inkiko mu nyungu z'itegeko**

Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo gusubiramo umurongo wafashwe n'inkiko ku manza zarangije inzira z'ubujurire hagamijwe kurengera itegeko no gutanga umurongo ngenderwaho rubisabwe n'Urugaga rw'Abavoka cyangwa Ubushinjacyaha Bukuru.

Mu mwanzuro utanga ikirego, uhagarariye Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda cyangwa Ubushinjacyaha Bukuru agaragaza umurongo anenga wafashwe n'urukiko n'impamvu

**Article 64: Execution of a judgement in respect of which an application for review is filed on grounds of being vitiated by injustice**

An application for review of a final judgement on grounds of being vitiated by injustice does not entail the stay of the execution of the judgement.

However, in case the President of the Supreme Court orders the review of a judgement on grounds of injustice while the judgement is not yet executed, the execution is immediately suspended even if the proceedings to execute the judgement is already initiated.

**B. Change of direction taken by courts in the interest of the law**

**Article 65: Petitions relating to the change of direction taken by courts in the interest of the law**

The Supreme Court has jurisdiction to review the direction of the final judgements taken by the courts to protect the law and give direction on request by the Rwanda Bar Association or the National Public Prosecution Authority.

The representative of the Rwanda Bar Association or the National Public Prosecution Authority indicates in the submissions contained in the statement of the

**Article 64: Exécution du jugement faisant l'objet de recours en révision pour cause d'injustice**

Le recours en révision d'un jugement définitif entaché d'injustice n'entraîne pas la suspension de l'exécution du jugement.

Toutefois, lorsque le Président de la Cour Suprême ordonne le réexamen du jugement pour cause d'injustice alors que ce jugement n'est pas encore exécuté, son exécution est suspendue même si la procédure d'exécution a déjà commencé.

**B. Changement d'orientation prise par les juridictions dans l'intérêt de la loi**

**Article 65: Contentieux relatifs au changement d'orientation prise par les juridictions dans l'intérêt de la loi**

La Cour Suprême est compétente pour réviser l'orientation sur les jugements définitifs rendus par les juridictions en vue de sauvegarder la loi et de donner une orientation sur demande de l'Ordre des Avocats au Rwanda ou de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Dans les conclusions de la demande, le représentant du Barreau du Rwanda ou de l'Organe National de Poursuite Judiciaire montre les critiques à l'encontre de

ashingiraho asaba ko wahinduka.

application, his/her criticism against the direction taken by the court and the reasons for his/her application for change of such direction.

l'orientation prise par la juridiction et les raisons de sa demande de changement de cette orientation.

Icyakora, urubanza rwaciwe muri ubwo buryo nta ngaruka rugira ku bari bararubayemo ababuranyi, kandi nta n'umuburanyi warwuririraho ngo abe yatanga ikirego cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya cyangwa ngo arusubirishemo ku mpamvu z'akarengane.

However, the judgment rendered in such a manner does not have any effect on any former parties and no party may use it as a reason for review of judgment or review of judgement on grounds of its being vitiated by injustice.

Toutefois, le jugement rendu de telle manière n'a pas d'effet sur les anciennes parties et ne peut, à l'égard de ces parties, constituer une raison de recours en révision ou révision pour cause d'injustice.

Izi manza ntizitangirwa ingwate y'igarama.

Such cases are not subject to payment of court fees.

Ces affaires ne sont pas soumises au paiement de frais de justice.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma**

**<u>Subsection 2</u>: Jurisdiction of the Supreme Court at first and last instances**

**<u>Sous-section 2</u>: Compétence de la Cour Suprême au premier et dernier degré**

**A. Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga mu manza nshinjabyaha**

**A. Jurisdiction of the Supreme Court in criminal matters**

**A. Compétence de la Cour Suprême en matière pénale**

**<u>Ingingo ya 66</u>: Iburanisha ry'abayobozi bakuru b'Igihugu**

Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rwonyine rufite ububasha bwo kuburanisha mu manza nshinjabyaha ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe.

Urukiko rw'Ikirenga kandi ni narwo ruburanisha abafatanyije na bo mu gukora ibyaha bashinjwa cyangwa ibyitso byabo.

**<u>Article 66</u>: Trying high ranking officials of the country**

The Supreme Court has exclusive jurisdiction to try in criminal cases, in the first and last instances, the President of the Republic, the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the President of the Supreme Court and the Prime Minister.

The Supreme Court also has jurisdiction to try their co-offenders or accomplices.

**<u>Article 66</u>: Jugement de hautes autorités du pays**

La Cour Suprême est seule compétente pour juger en matière pénale au premier et dernier degré, le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés, le Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre.

La Cour Suprême est également compétente pour juger leurs co-auteurs ou leurs complices.

**Ingingo ya 67: Ububasha bwo kuburanisha Perezida wa Repubulika ku cyaha cyo kugambanira igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga**

Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha Perezida wa Repubulika mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma mu gihe akurikiranweho icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana.

Gukurikirana Perezida wa Repubulika bikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru Wungirije cyangwa bombi.

**Ingingo ya 68: Gukurikirana no kuburanisha abayobozi bakuru b'Igihugu**

Mu gihe akiri mu kazi ke, Perezida wa Repubulika ntashobora gukurikiranwa no kuburanishwa ku byaha yakoze, Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, itabanje gufata icyemezo cyo kumurega ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize buri Mutwe.

Ubwo bwiganze bw'amajwi buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni nabwo bukurikizwa mu kwemeza ko Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe bakurikiranwa ku byaha bakekwaho.

Uretse igihe afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, Perezida wa

**Article 67: Jurisdiction to try the President of the Republic in case of treason or violation of the Constitution**

The Supreme Court has the jurisdiction at first and last instances to try the President of the Republic on charges of treason or gross and deliberate violation of the Constitution.

Prosecution of the President of the Republic is carried out by the Prosecutor General or the Deputy Prosecutor General or both.

**Article 68: Prosecution and trial of high ranking officials**

The President of the Republic in office shall not be subject to prosecution and trial for crimes he/she has committed unless both Chambers of Parliament in a joint sitting, resolve to charge him/ her by a majority vote of two thirds (2/3) of the members of each Chamber.

The majority of votes specified in the first Paragraph of this Article is also required for the prosecution of the President of the Supreme Court and the Prime Minister.

Except when caught red handed committing a felony or misdemeanour, the President of the

**Article 67: Compétence de juger le Président de la République en cas de trahison ou de violation de la Constitution**

La Cour Suprême a la compétence en premier et dernier degré de juger le Président de la République en cas de trahison ou de violation grave et délibérée de la Constitution.

La poursuite contre le Président de la République est faite par le Procureur Général ou le Procureur Général Adjoint ou tous les deux.

**Article 68: Poursuite judiciaire et jugement de hautes autorités**

Le Président de la République en fonction ne peut pas faire l'objet des poursuites et du jugement sur les crimes commis à moins que les deux Chambres du Parlement réunies en séance commune décident de la mise en accusation contre lui par un vote de la majorité des deux tiers (2/3) des membres de chaque Chambre.

La majorité des voix mentionnée dans l'alinéa premier du présent article est aussi requise pour la poursuite du Président de la Cour Suprême et du Premier Ministre.

Sauf lorsqu'ils sont pris en flagrant délit en commettant un crime ou un délit, le Président

Sena cyangwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite ntibashobora gukurikiranwa no kuburanishwa bidatangiwe uburenganzira n'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko barimo binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama.

Inteko iburanisha abayobozi bavugwa muri iyi ngingo igomba kuba igizwe nibura n'abacamanza batanu (5).

**B. Ububasha bwo gukemura impaka**

**Ingingo ya 69: Ububasha bwo gukemura impaka mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma**

Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo gukemura impaka mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma bukurikira:

1° gufata icyemezo ku birego birebana n'uko amategeko ngenga, amasezerano mpuzamahanga, amategeko n'amategeko-teka anyuranye n'Itegeko Nshinga;

2° gukemura impaka zishingiye ku myumvire y'ingingo z'Itegeko Nshinga;

3° gukemura impaka zishingiye ku kubungabunga uburenganzira bureba inyungu rusange;

4° gutanga ibisobanuro mpamo ku mategeko;

Senate or the Speaker of the Chamber of Deputies cannot undergo criminal proceedings and trial unless authorised by the majority vote of two thirds (2/3) of members of their respective Chambers present in the sitting.

The bench to try officials mentioned in this Article shall consist of at least five (5) judges.

**B. Jurisdiction over disputes**

**Article 69: Jurisdiction over disputes at first and last instances**

The Supreme Court has jurisdiction over the following disputes at first and last instances:

1° take decision on petitions on the unconstitutionality of Organic laws, international instruments, laws and decree-laws;

2° resolve disputes relating to interpretation of the Constitution;

3° resolve disputes relating to the preservation of public interest;

4° provide authentic interpretation on laws;

du Sénat ou le Président de la Chambre des Députés ne peuvent subir des poursuites qu'après autorisation préalable de la majorité des deux tiers (2/3) des voix des membres de chaque Chambre présents à la séance.

Le siège qui juge les personnalités mentionnées au présent article doit être composé d'au moins cinq (5) juges.

**B. Compétence de statuer sur les contentieux**

**Article 69: Compétence de statuer sur les contentieux au premier et dernier degré**

La Cour Suprême a la compétence de juger les contentieux suivants au premier et dernier degré:

1° statuer sur les contentieux en rapport avec l'inconstitutionnalité des lois organiques, des instruments internationaux, des lois et des décrets lois;

2° statuer sur les contentieux relatifs à l'interprétation de la Constitution;

3° statuer sur les contentieux relatifs à la préservation de l'intérêt général;

4° donner l'interprétation authentique des lois;

5° gutanga ibisobanuro mpamo ku muco gakondo utanditse mu gihe amategeko yanditse ntacyo abivugaho;

6° gukemura impaka zerekeye amatora ya referendumu, aya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko;

7° kwemeza ko hari inzitizi ntarengwa ibuza imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko guteranira mu murwa mukuru w'Igihugu.

**C. Ububasha bwerekeye imihango y'ishyirwaho n'ivanwaho ry'abayobozi**

**<u>Ingingo ya 70</u>: Kwakira indahiro z'abayobozi bakuru**

Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo:

1° kurahiza Umugenzuzi Mukuru w'iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'igihugu n'Abagenzuzi Bakuru bungirije;

2° kurahiza Abakomiseri ba za Komisiyo z'Igihugu;

3° kurahiza Ababitsi b'inyandiko mpamo z'ubutaka;

4° kurahiza abandi bagenwa n'itegeko.

5° to give authentic interpretation on traditional unwritten customs in case written law is silent;

6° to resolve disputes relating to referendum, presidential elections and parliamentary elections;

7° to decide that there is a force majeure that prevents Chambers of the Parliament from sitting in the national capital city.

**C. Jurisdiction related to the procedures for appointment and removal of officials**

**<u>Article 70</u>: Administering the oath of office taken by high ranking officials**

The Supreme Court is vested with jurisdiction to:

1° administer the oath of office to Chief Gender Monitor and Deputy-Chief Gender Monitors;

2° administer the oath of office to Commissioners to national commissions;

3° administer the oath of office to Registrars of land titles;

4° administer the oath of office to other officials as determined by the law.

5° donner l'interprétation authentique de la coutume traditionnelle non-écrite lorsque la loi est muette;

6° statuer sur les contentieux relatifs au référendum, à l'élection du Président de la République et des parlementaires;

7° décider de l'existence de cas de force majeure empêchant les Chambres du Parlement de siéger dans la capitale nationale.

**C. Compétence relative aux procédures de nomination et de révocation des autorités**

**<u>Article 70</u>: Recevoir le serment des hautes autorités**

La Cour Suprême est compétente pour:

1° faire prêter serment à l'Observateur en Chef du « gender » et aux observateurs en chef adjoints du « gender »;

2° faire prêter serment aux commissaires des commissions nationales;

3° faire prêter serment aux Conservateurs des titres fonciers;

4° faire prêter serment aux autres autorités prévues par la loi.

**Ingingo ya 71: Ubundi bubasha**

Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwihariye bukurikira:

1° kwemeza urutonde rw'abakandida b'Abasenateri uretse abagenwa na Perezida wa Repubulika;

2° kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho igihe yapfuye, yeguye ku mirimo, yakatiwe igihano n'urukiko kubera icyaha cyo kugambanira Igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana;

3° kuburanisha impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umusenateri cyangwa Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko cyangwa mu Mutwe wa Politiki.

**Akiciro ka 3: Amategeko yihariye akurikizwa mu iburanisha ry'ibirego biburanishwa mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma**

**A. Kugenzura ko amategeko atanyuranyije n'Itegeko Nshinga**

**Ingingo ya 72: Ibirego byerekeranye no kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga**

Umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi bashobora kuregera Urukiko rw'Ikirenga basaba

**Article 71: Other jurisdiction**

The Supreme Court is vested with the following special jurisdiction:

1° approve the list of Senatorial candidates except those appointed by the President of the Republic;

2° declare vacant the Office of the President of the Republic in case the President in office dies, resigns or is sentenced by the court for treason or gross and deliberate violation of the Constitution;

3° hear petitions relating to a decision of expelling a Senator or a Deputy from Parliament or from a political organization.

**Subsection 3: Specific laws that are applicable to cases tried at first and last instances**

**A. Ensuring the constitutionality of laws**

**Article 72: Petitions seeking to confirm unconstitutionality of a law**

The Supreme Court is petitioned by any person or company and associations with legal personality over petitions seeking to

**Article 71: Autre compétence**

La Cour Suprême a les compétences spéciales suivantes:

1° approuver la liste des candidats sénateurs à l'exception des candidats désignés par le Président de la République;

2° déclarer la vacance de poste du Président de la République en cas de décès, de démission, de condamnation pour trahison ou violation grave et délibérée de la Constitution;

3° juger les contentieux en rapport avec la décision d'exclusion d'un Sénateur ou d'un Député du Parlement ou d'une organisation politique.

**Sous-section 3: Lois particulières applicables aux requêtes jugées au premier et dernier degré**

**A. Contrôle de constitutionnalité des lois**

**Article 72: Requêtes relatives à l'inconstitutionnalité d'une loi**

La Cour Suprême est saisie par toute personne ou société et association dotées de la personnalité juridique sur des requêtes en

kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga iyo babifitemo inyungu.

Urega agomba gushyira ku mugereka w'inyandiko itanga ikirego kopi y'itegeko anenga n'imigereka yaryo iyo ihari.

Iburanisha ry'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga rikorwa mu ruhame hari uhagarariye Leta.

Inteko y'Urukiko iburanisha urubanza igizwe nibura n'abacamanza batanu (5).

Iyo Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko iryo tegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga, ruhita rubimenyesha mu nyandiko Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma. Icyo cyemezo gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 73</u>: Imiburanishirize y'ikirego gisaba guhindura umurongo mu nyungu z'Itegeko**

Ikirego gisaba guhindura umurongo mu nyungu z'Itegeko kiburanishwa hashingiwe ku nyandiko urukiko rwashyikirijwe.

Icyakora, mu gihe urukiko rusanze hari amakuru rukeneye kurushaho rushobora gutumiza uwatanze ikirego cyangwa undi uwo ari wese kugira ngo agire ibyo arugaragariza. Urukiko kandi rushobora kwemerera impuguke zinyuranye zibisabye

declare unconstitutional a law if they have any interest.

The applicant must put in the annex to the complaint a copy of the law that is the subject of the dispute and its annexes, if any.

The hearing of petitions seeking to declare unconstitutionality of a law is conducted in public and in the presence of a Government representative.

The bench is composed of at least five (5) judges.

When the Supreme Court holds that such a law is unconstitutional, it shall inform the Parliament and the Government thereof. Such a declaration is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**<u>Article 73</u>: Procedure for a petition to change direction in the interest of the law**

The petition to change direction in the interest of the law is examined based on the documents submitted to the court.

However, when the court finds that it needs more information, it can summon the applicant or any other person to provide some clarification. The court may, upon request, also authorize *amicus curiae* experts in the hearing.

déclaration d'inconstitutionnalité d'une loi si elles ont un intérêt.

Le requérant doit mettre à l'annexe de sa requête, une copie de la loi qui fait l'objet du litige et ses annexes, s'il y en a.

Les audiences des requêtes en déclaration d'inconstitutionnalité d'une loi sont publiques et se tiennent en présence du représentant du Gouvernement.

Le siège compte au moins cinq (5) juges.

Lorsque la Cour Suprême déclare l'inconstitutionnalité de cette loi, elle en informe le Parlement et le Gouvernement. Cette declaration est publiee au Journal Officiel de la Republique du Rwanda.

**<u>Article 73</u>: Procédure d'une requête pour changement d'orientation dans l'intérêt de la loi**

La requête pour changement d'orientation dans l'intérêt de la loi est examinée par la cour sur pièces.

Toutefois, lorsque la cour estime qu'elle a besoin de plus d'informations, elle peut convoquer le demandeur ou toute autre personne afin de lui fournir certains éclaircissements. La cour peut, à la demande, également admettre des experts amicus curiae

kuba mu rubanza nk'inshuti y'urukiko.

Icyemezo cy'urukiko kigaragaza ikibazo kigaragara mu murongo wari usanzweho, kikanatanga umurongo mushya ngenderwaho.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Ikibazo cy'itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga kivuka mu isuzuma ry'urubanza**

Iyo Urukiko rw'Ikirenga ruburanisha izindi manza zitari izo kugenzura ko itegeko ritanyuranyije n'Itegeko Nshinga, hakabonekamo ikibazo cy'itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga, rugomba kubanza kugikemura mbere yo kuburanisha urubanza mu mizi yarwo.

Iyo icyo kibazo kigaragaye, gitanzwe n'ababuranyi cyangwa urukiko rubyibwirije, mu iburanisha ry'urubanza mu nkiko zo hasi, izo nkiko zihita zihagarika iburanisha ry'urubanza rw'ibanze, zikohereza Urukiko rw'Ikirenga icyo kibazo kugira ngo rubanze rugifateho icyemezo.

Kohereza icyo kibazo mu Rukiko rw'Ikirenga kugira ngo rubanze rugifateho icyemezo, bihagarika imihango yose y'iburanisha no kubara ibihe byo kuregera urukiko kimwe n'ubuzime bw'ikirego kugeza igihe icyemezo cy'Urukiko rw'Ikirenga kuri icyo kibazo kimenyesherejwe urukiko rwo hasi.

Icyakora, iyo urukiko rwo hasi rusanze ikirego cy'ibanze rwashyikirijwe kidakwiye kwakirwa ku zindi mpamvu zidafitanye isano

The decision of the court highlights the challenges of the direction in force and gives a new direction.

**<u>Article 74</u>: Case arising from an unconstitutionality of a law in the hearing of a case**

Where the Supreme Court hears a case not regarding the unconstitutionality of a law and a matter of unconstitutionality of the law arises, the Supreme Court stays proceedings on the merits of that case and shall decide first on the unconstitutionality matter.

Where such an issue is raised by parties or upon initiative from the subordinate court during hearings, the proceedings before the subordinate courts stop and the constitutional issue is referred to the Supreme Court for a ruling.

Referral of such an issue to the Supreme Court for a ruling stops all court procedures, the time set for instituting cases and prescription until the decision of the Supreme Court is communicated to the subordinate court.

However, a subordinate court with the main case is not obliged to stop proceedings and wait for the ruling of the Supreme Court on

dans l'audience.

L'arrêt de la cour met en évidence les handicaps de l'orientation en vigueur et donne une nouvelle orientation.

**<u>Article 74</u>: Question préjudicielle sur l'inconstitutionnalité d'une loi au cours d'un procès**

Lorsque la Cour Suprême siège en matières autres que la déclaration d'inconstitutionnalité d'une loi et qu'au cours de cette audience survient une question préjudicielle sur l'inconstitutionnalité de la loi, elle doit sursoir à statuer sur le fond de l'affaire pour connaître de la question préjudicielle.

Lorsqu'une telle question est soulevée par les parties aux procès ou d'office par la juridiction inférieure au cours de l'audience, la juridiction inférieure sursoit à statuer sur le fond et demande d'abord à la Cour Suprême de se prononcer sur cette question.

La décision de déférer une telle question devant la Cour Suprême suspend la procédure, la computation des délais ainsi que la prescription jusqu'à ce que la décision de la Cour Suprême est notifiée à la juridiction inférieure.

Toutefois, la juridiction inférieure saisie de la demande principale n'est pas tenue de sursoir aux procédures pour attendre l'arrêt de

n'icyo kibazo cyangwa se iyo umucamanza uburanisha icyo kirego cy'ibanze asanga igisubizo azahabwa kuri icyo kibazo nta ngaruka kizagira ku icibwa ry'urubanza, ntirutegetswe guhagarika iburanisha kugira ngo rubanze rutegereze icyemezo cy'Urukiko rw'Ikirenga. Icyo cyemezo cyo kudahagarika iburanisha kijuririrwa gusa hamwe n'urubanza rwose.

Urwo rubanza rucibwa mu buryo bwihuse.

**B. Kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwurimo**

**Ingingo ya 75: Gusaba no kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwurimo**

Iyo Perezida wa Repubulika apfuye, yeguye, yakatiwe igihano n'urukiko kubera icyaha cyo kugambanira igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana cyangwa agize izindi mpamvu zimubuza burundu gukomeza imirimo ye, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi iteranye, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize buri Mutwe isaba Urukiko rw'Ikirenga mu nyandiko kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwurimo.

Inyandiko isaba kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwurimo igomba kuba ikubiyemo

the constitutional issue if it is of the opinion that the case is inadmissible on grounds unrelated to the constitutional issue or the judge hearing the case is of the opinion that the decision of the Supreme Court will not in any way affect the outcome of the principal claim. The decision on the continuation of proceedings is only appealed against simultaneously with an appeal of the entire case.

The decision is taken in a summary judgment.

